

IJAMBO RYA PEREZIDA Paul KAGAME I BWISIGE
(Rebero-Byumba), 30 Mata 2003.

...nyuma ubw'abantu ndetse n'inyamaswa n'ibindi, ayo mazi rero, hari aho ari hari abatayagira, hari aho aba ari menshi, ariko adashobora gukoreshwa neza kubera uko ateye wenda atari meza, n'ibindi byinshi.

Twe nk'u Rwanda, ikibazo dufite ni ukugira amazi ntituyakoreshe neza cyangwa se ntitube dufite ubushobozi bwo kuyakoresha neza, akangirika gusa, hari, icyo rero kigomba gushakirwa umuti. twe ntabwo ar'uko twabuze amazi, usibye kutayakoresha neza, cyangwa se kutayarinda kugirango atazabura. Ari ay'invura, turayafite menshi ariko ntitumenya kuyakoresha, cyangwa se kuyakoresha neza. Ari andi, ari mu b'iyaga cyangwa mu migezi nayo arahari, ikibazo kikaba kumenya kuyakoresha neza, cyangwa se kuyarinda, ngo ejo atazakama. Icyo nicyo kibazo twebwe nk'u Rwanda n'ibihugu duturanye, dufite, icyo kigomba gushakirwa umuti, wenda hari ibyo twavugaga bishaka amikoro menshi, bivunanye, ariko nayo yashakwa, ayo mikoro akaboneka, ni inshingano dufite rero yo kugirango dushake ayo mikoro.

Ibindi biri mu bushobozi bwacu, ariko ubwo bushobozi dufite nabwo, rimwe narimwe ntitubukoreshe neza, kubera imyunvire mike, cyangwa se kubera uburangare no kutamenya ingaruka zizabivamo.

Kuri uyu muni rero birashaka ko ibyo byose tubyibuka, tukabiha agaciro kabyo, kandi tukabifatira ingamba zihamye. Ibyo bikaturindira amazi, ariko kandi ayo mazi, akadufasha no mubikorwa by'amajyambere ndetse no muntego nyinshi zimwe dufite zo kugirango turwanye ubukene. Iby'ayo mazi rero ndifuzaga ko twabihagurukira dufatanyije, inzego zose zigakorana tukarinda ayo mazi, tukayakoresha neza nk'umutungo umwe mu mitungo y'ibanze dukwiye kuba twitondera kubera ingaruka igihe uwo mutungo wabuze.

Ariya mazi rero, mwabonye ni ubwo byatinze bwose, mwebwe baturage ba Rebero, turifuza ko muzayafata neza mukayakoresha neza, akabagirira akamaro ntizagaruke hano, mutubwirako nta mazi mufite, kubera ko wenda abantu barangaye ntibaya... ntibunve ko bizagira ingaruka nadafatwa neza. ibyo kubasezeranya ayo mazi akaba yarabonetse byo ngirango ni inshingano twari dufite, bikaba bishimishije ko icyo nshingano yujijwe, ndetse byajyanye n'ibindi, bambwiye iby'iminara ya telefone, nayo wahashyizwe, ni byiza nawo kandi ukwiye kurindwa neza, uwo munara kugirango ushobore kubageza ho byinshi, ukwiriye kuba ubagezaho bijyanye n'itumanaho, kandi iryo tumanaho naryo, tukaba turihanze amaso, turitezeho byinshi, muburyo bw'amajyambere.

Ikindi cyagomba gukorwa kitarakorwa, ariko nibwira ko ubwo kizakurikiranwa, kigakorwa vuba bidatinze byari ugushyiraho umunara w'iradiyo, y'urwego rwa FM kugirango i radio yunvikane neza hano ndetse irenge no mu mipaka y'u Rwanda kuko byo ntabwo bigomba VISA n'abo hakurya y'umupaka bunva ikinyarwanda cyangwa se bashakira gukurikirana amakuru y'u Rwanda nabo bashobore kubyunva, ibyo ndunva bizakorwa vuba, ni ubwo byatinze bwose.

Baturage ba REBERO rero, kandi baturage ba BYUMBA, ibibyose tuvugaga by'amajyambere; ari amazi, ari itumanaho, ari ibindi byinshi dufitiye ingamba, twabigeraho kandi tuzakomeza kubigeraho, ariko nyine hari umutekano. Kandi ibyo nagirango mbibashimire, kubera umuco

wanyu wo kumenya gutanga inkunga yanyu , muburyo bw'umutekano , mukaba munawufite ndetse , n'intera yose ya Byumba ikaba ifite umutekano ndetse , n'igihugu cyose, nibyiza ko uwo mucu muzawukomeza , kuko biri munyungu zanyu ubwanyu , ndetse biri no munyungu z'igihugu cyose .

Ndabashimira rero , ko mwebwe abaturage , ari aba Rebero , ari ab'intera ya Byumba ko ikibazo cy'umutekano mucyunva , ko aringomba kandi mukabigira mo uruhare . Aho muzagirira imbaraga nkeya, kugiti cyanyu nk'abaturage, muzunganirwa n'izindi nzego , kugirango uwo mutekano , ukomeze ubeho, bityo dushobore kugera kuri byinshi , ariko ntimizezire imbaraga nkeya.

Ibyobyose tuvuga by'umutekano , ndetse nibikorwa by'amajyambere , ndetse ibyo byose bikubiye muri politike , mu muronko tugenderaho, Leta y'ubumwe , n'abanyarwanda bose , ibi byose ni ibigomba gukomeza ,kuko u Rwanda , ruri mu nzira itoroshye , ariko nziza , kandi ijyana n'impinduka iriho kandi igomba gukomeza .

Impinduka ya politike yatangiye mu Rwanda , kuva cyane cyane muri 94 , aho aya marorerwa abereye , ndavuga cyane cyane kuko ingamba z'impinduka zo zatangiye mbere yaho imyaka itari mike , bikagorana , biza kuvamo itsembatsemba n'itsemba bwoko nandetse , ariko, guhera icyogihe , gukomeza kugeza ubu, no gukomeza kugera imbere, iyo mpinduka ifite gahunda . Iyo mpinduka , abanyarwanda bose na leta y'ubumwe , bayifite ho inshingano , n'inshingano kandi idakuka , n'impinduka tuzakomeza itazasubira inyuma , kabone n'abifuza , kugirango bakomereke mbere y'uko babyunva nabyo dufite ishingano yo kuzabibaha , kugirango babyunve.

Impinduka iriho yatangiye , yo guhindura ubuzima na politike by'abanyarwanda bishingiye k'ubumwe bw'abanyarwanda, bishingiye k'umutekano w'abanyarwanda , bishingiye ku gutera imbere kw'abanyarwanda, bishingiye kuri democratie, turushaho guha abanyarwanda ,bishingiye kuri politike y'u Rwanda kugirango rubane nez a n'andi mahanga n'ibindi bihugu, iyo politike , ntabwo izahina , ahubwo, guhinduka ihinduka itera imbere , irushaho kuba neza ntishobora gusubira inyuma . Kuko ntabwo ari ikintu cyaje ngo kikore gusa, gikorwa n'abantu , kandi abo bantu bafite ingamba zo kubigeraho byanze bikunze .

N'abanyarwanda bake batarabyunva, nibo navugaga mbere niyo baba bifuzaga kugirango babanze babikomerekeremo, kugirango babyunve , ariko cyane cyane biri mubantu biyita abayobozi , ntabwo biba mu baturage, abaturage na..., mwebwe muri abantu beza rwose nta kibazo mugira (amashyi), bagenzi banjye nicaranye nabo hano, b'abayobozi niho usanga ikibazo , muri twewe niho usanga ikibazo , ibyo bibazo kandi inkomoko yabyo cyane cyane , ni inda nini , ni ukudahaga , ni ukutanyurwa , ni uguhabwa uburenganzira bwawe, uhabwa amahirwe warangiza , ukabihindura ubusa , cyane cyane ari uko umuntu yireba , kurusha uko areba inyungu z'abanyarwanda .

Ariko kubera ko abanyarwanda bo muri rusange babyunva, ntakibazo bafite, twewe abayobozi turoroshye , kubona umuti , kwishaka mo umuti, tuzawubona, urahari , kuruhande runini, ni akabazo gato kaba gasigaye gusa .Ibyo mujya mwunva rero , rimwe narimwe , by'abagenda by'abagaruka , by'abagira bate, ibyo nabyo bijyanye n'uburenganzira bw'abantu, kugenda , kugaruka , ariko , nk'uko navuze ya gahunda y'abanyarwanda ,turimo , inzira turimo, yo kugenda dutera imbere ntacyizayihindura kwaba kugenda kwaba kugaruka , kwaba kugenda ufite imigambi ajyanye, iyo mpinduka ikomeze. Niba ari ukuza bashaka kuyisubiza

inyuma bazakomereka , niba aricyo bifuza kugirango bunve ko abanyarwanda babaye kumara igihe kinini , ari ubukene , ari ubujiji, ari amacakubili, ko ibyo ngirango abanyarwanda batakiyifuzaba bashakira kugirango batere imbere. Ibyo kubivuga ntyo, ndabitekereza bihagije , ndashakisha ikintu cyabisubiza inyuma nkakibura , ntabwo njya nkibona . N'abagerageza baba, abo dukorana , baba ababa hanze n'ibi bafasha , ariko.....ibyo abantu bagomba gukora bitari ngombwa , ariko k'umutekano w'abanyarwanda bose, mwebwe ba ntu ba REBERO , abantu ba BYUMBA, mujye mukora kanyu neza nta kwishisha , muharanire umutekano wanyu, ntabwo umutekano wanyu uzahungabana narimwe , baba ababazamo , cyangwa se abaturuka hanze cyangwa se abaturanyi, ntibishoboka (amashyi).

Ubushobozi bwo kurinda umutekano w'abanyarwanda cyane cyane bishingiye no kubanyarwanda , burahari , ubushobozi burahari buhagije, buranarenze , burenze ubwo muzi (amashyi), ariko wenda ntabwoho , kubivuga gusa ntabwo bihagije , nizeye ko bitazabangombwa kubyerekana ko ubwo bushobozi buhari , nicyo umuntu ahora yirinda gusa , ariko mubashakira kugenda nk'uko navuze, cyangwa mubashakira kwinjira , n'abandi tuzi , turaza kubabwira , hari ababa bashakira kugenda , bakibwira ko uba utabizi , ariko tuzajya tubitsa ngo bagende (amashyi).

Hari abo nzakurekura bari bagifashwe n'akazi , ako kazi ndaza kubasaba kugasubiza abanyarwanda hanyuma bashakira inzira bigendere. Abo bose bamwe mujya mwunva bagenda , bagenda tubizi, tukabihorera , yajya kugenda akagenda yububaaaa ..., akagira ate , yibwirango arihisha , kandi tuzi ngo aragenda,. Mubagenda , hari abo twambura akazi kubera ko tuziko bashakira kugenda , ngo babone uko bagenda , kugenda njye ntacyobintwaye, n'abandi bakivumwira n'akazi ko gukorera abanyarwanda bashakira kugenda , tura za kugashyira iruhande , bakomeze bagende , uzajya aturatira ko yejeje amasaka , cyangwa ibigoli , tuzajya tumubwira ko dutunze ibiyasya , n'ibisya ibyo bigoli .

Dufite politike izi gusa ibigoli yo byeze , ntibipfe ubusa , ariko ni uko gusa , abanyarwanda , ahari , rimwe narimwe ntibabona niyo ubabwiye niyo uberetse ntibabona , ba...., bisa nkibya... ya mbwa , ngo iyo ijya gupfa amazuru arabanza akaba ariyo aziba, abanyarwanda ubanza

Ndagirango rero , ibyo ndabivugira ko , inshingano yo gukomeza gutera imbere , yo gukomeza kubaka igihugu , n'ibi bindi tugiye kujya mu ngirango muzi ibyitegeko nshinga , ubu ririho rinozwa , ririmo hafi kurangira , rizashyirwa , riri mu nteko ubu, ririgwa , itegeko nshinga , vuba aha bizajya muri referendum , mu kwezi kuza , kwa gatanu kurangira , nk'uko byemejwe , nyuma yaho hazaba , amatora , amatora ya Perezida wa Repubulika , amatora, y'abadepite , ibyo byose turifuzaba , kandi turabasaba ko byazaba mu ituze , mu mucyo, kandi turunva ariko bizamera , nihaba hari abatabyifuzaba ko ariko bizamera , tuzabimeza ko ariko bigomba kumera , ntabwo bizahinduka, uko bizagenda neza mu mucyo , neza , n'ikizavamo, njye nababwira ko kizwi , muri ayo matora , hazavamo abazatorwa , njye navuga ijana ku ijana ko mbizi , ko ari abazaba bakurikiza gahunda , politike dufite ubungubu yo kubaka iki gihugu, niko bizamera , kandi nzi ko namwe ariko mubizi , kandi nziko ariko mubishakira ibyo kugirango gahunda , yo gukomeza umutekano , ubumwe bw'abanyarwanda , amajyambere y'abanyarwanda , de mokerasi, abe ariyo tugeraho, ayo macakubili, uzazana amacakubili, kuko , bamwe bazaza, nibyo bazaba ba... , nibyo bagenderaho n'ubwo babihisha , ntamwanya bazabona (amashyi).

Kubera ko nababwiye ngo icyo gahunda , yo kubaka igihugu ntabwo izahinduka , ni uko icyo mba nizera gusa nifuza ni uko bizaba ku ineza , ibyo byose turifuza ko bizaba mu mucyo, mu mahoro, ariko icyonzi ni uko , aho bizaganisha ari ugukomeza kubaka igihugu , abashaka kugisenya nta mwanya bazabona .

Ibyiza abanyarwanda bamaza kugeraho, muriy'inyaka hafi 9 tugiye kumara , rimwe narimwe igitangaza ni uko abanyarwanda ahari , aribo , batabizi gusa , abandi batubamo batari abanyarwanda b'abanyamahanga , cyangwa amahanga yohanze, iyo abibona , bavuga ko ntanahandi biba rwose. Ikintangaza ni abanyarwanda , ubwabo kutabibona gusa. Ariko ndizera ko igitulma babikora bigakunda , abanyarwanda , ubwo ni uko n'amaherezo bazabibona , bakabona ko ibyo bakora aribyiza, bakanabyunva , nabyo bikabageza ku kifuzo bifuzaga cyo kugirango dutere imbere , kugirango tugire amahoro, kugirango tugire ubumwe , kugirango u Rwanda rwongere rube igihugu, kitagayitse, kuko ntabwo ubundi , mu mateka maremare y'u Rwanda , ntabwo u Rwanda rwigeze rugayika, sinzi impanvu abantu bamwe bashaka kurugayisha .

Ntabwo u Rwanda mu mateka , tuzi , nambere tutarabaho, ariko dusoma, ntabwo u Rwanda rwigeze rugayika , rwakoraga ibintu bizima , bituma abantu bemera ko ari igihugu , gifite abantu bacyo , batagayitse.

Ibindi rero nabasaba , mwese muri hano , ni ukugirango dukomeze gahunda dufite zubaka , ni ukugirango dushyigikire iyi gahunda y'uyu mwaka turimo nababwiye, yo gukomeza inzira ya demokarasi , no kugirango dukomeze inzira y'iterambere , yo kurwanya ubukene, no kugirango dukomeze gushyigikira kurwanya indwara z'ibyoro nka SIDA , duhora dukangurira abanyarwanda , kugirango bagire ubuzima bwiza, icyo cyorezo cyo kurimbura abanyarwanda , kandi hari uburyo bwo kucyirinda , ndetse no kukifatamo neza , kubanduye , ibyo nabyo igihugu cyacu, kirabihagurukira kizi ngo bifite ingaruka ku banyarwanda , ku gihugu cyacu , twifuriza ko , twifuza ko abanyarwanda bagira ubuzima bwiza budahungabana, ni ubwo harimo no kwita , no kubindi byorezo bijyanye n'icyo maze kuvuga .

Nagirango kandi mbasabe mukomeze gushyigikira icyo gahunda ndende yo guteza igihugu cyacu imbere dufite , muri rusange , no gukomeza gufatanya hagati yanyu mwese , bityo nkaba mbifurije umunsi mwiza , nkaba mbifurije ibihe biza, ibihe byiza , kandi nkaba nizera ko , icyaduhuriye aha uyu munsi kijyanye n'amazi nacyo mugihanga uburemere bwacyo , kugirango bidufashe kurinda amazi , umutungo udakunze kuboneka ahandi, ahandi ntibanayagira . Twe dufite ikibazo cyo kuyarinda no kuyakoresha neza . Ariko abandi bo , hari ibindi bihugu binakize ndetse , ariko bitagira amazi, twe tuarayafite ni umutungo rero dukwiye gukomeza kurinda , nkaba mbifurije ubuzima bwiza , n'amahoro y'Imana .

Murakoze(amashyi).

Annexe.

IKIRANGANTEGO cy'u Rwanda nk'uko gisobanurwa na Paul KAGAME.

-Uruziga rw'umuguzi rufite ibara ry'icyatsi kibisi ni ipfundo rimwe n'ikimenyetso cy'ubumwe abanyarwanda bose bibumbiye hamwe , bagize ubumwe kandi batahiriza umuguzi umwe .

-Ishaka rifite amababi ane n'ikawa ifite amababi cumi n'atandatu n'imbuto makumyabili n'umunani bikavuga umusaruro unyuranye ugizwe n'ibihingwa ngandura rugo , n'ibindi bijyanye n'ibyo bihingwa n'ibihingwa ngenga bukungu.

-Agaseke gapfundikiye , k'amabara abili , bivuga umuco w'abanyarwanda wo kubika n'uwo kuzigama , gufatanya muri byose no gusangira .

-Uruziga rw'amenyo makumyabili n'ane , ariko cumi n'icyenda ariyo agaragara , kandi rufite ibara ry'ubururu ni ikimenyetso cyo guharanira ikorana buhanga n'itera mbere ry'inganda mu Rwanda .

-Ingabo ebyili imwe iri iburuyo indi iri ibumoso,bivuga gukunda igihugu no kukirinda.